97

D2 Patrimoine culturel.

1997

**10H45:** **GUSHYIRA INDABO KU MVA Y'INTWARI FRED RWIGEMA**

- AB'UMULYANGO WA FRED RWIGEMA
- PEREZIDA WA REPUBULIKA Y'U RWANDA
- VISI PEREZIDA WA REPUBULIKA Y'U RWANDA AKABA BA MINISITIRI W'INGABO
- PEREZIDA W'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
- MINISITIRI W'INTEBE
- PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA
- ABAKURU B'INGABO
- UMUKURU MU BAHAGARARIYE IBIHUGU BYABO MU RWANDA
- PEREFE W'UMUGI WA KIGALI
- ABAHAGARARIYE AMADINI

**GUSHYIRA INDABO KU MVA Y'UMUSIRIKARE UTAZWI**

- PEREZIDA WA REPUBULIKA Y'U RWANDA
- VISI PEREZIDA WA REPUBULIKA Y'U RWANDA AKABA NA MINISITIRI W'INGABO
- PEREZIDA W'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
- MINISITIRI W'INTEBE
- PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA
- ABAKURU B'INGABO
- UMUKURU MU BAHAGARARIYE IBIHUGU BYABO MU RWANDA
- PEREFE W'UMUGI WA KIGALI
- ABASILIKARE BAKURU

**11H15:** **PEREZIDA WA REPUBULIKA Y'U RWANDA N'ABANYACYUBAHIRO BASUBIRA KURI TRIBUNE Y'ICYUBAHIRO**

**11H25:** **IBISINGIZO BY'INTWARI**

**11H35:** **IJAMBO RYA MINISITIRI W'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**

**11H50:** **IBISINGIZO BY'INTWARI**

**12H00:** **IJAMBO RYA PEREZIDA WA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

***

**13H00:** **KWAKIRA ABASHYITSI KURI JALI CLUB**

28/8/87

| Abaje mu nama | ~~Adresse~~ ~~lieu affect~~ umuyobozi witamana |
| --- | --- |
| 0) ~~Sebudandi Venantia~~ | |
| 1) MUNYAZIKWIYE Théogène | MIJESCAFOP |
| 2) KAMALI Fulgence | T.V.R. |
| 3) RUDAHINDWA Cyprien | MININFOR. |
| 4) SIBOMANA Athanase | RADIO RWANDA. |
| 5) Ruhinda Frank | Primature |
| 6) Kamanzi Martin | PROTOCOLE D'ETAT |
| 7) Ntiganzwa Juvénal | ponts & chaussées |
| 8) MUNYANEZA Philémon | MINECOFIN. |
| 9) Muhoza Christophe | MIJESCAFOP |
| 10) HAKIZIMANA OBALD | MINECOFIN |
| 11) BUTOTO Jean | MIJESCAFOP. |
| 12) GAHAMANYI Parfait | PROTOCOLE D'ETAT. |
| 13) KALISA Evariste | Electrogaz. |
| 14) HATEGEKIMANA Abdul | MINITRAP |
| 15) MUSENGA. AUGUSTUS | MINAFFET |
| 16) RUTAGWENDEKA Fidèle | MIJESCAFOP. |
| 17) KAYIGI Théodomir | MIJESCAFOP. |
| 18) SEKUBURBA Séverin | MIJESCAFOP |
| 19) ERATON NSANZABAGANWA | MIGEPASO. |
| 20) Zephanie MUNYANZIZA | P.V.K. |
| ~~MUNYANEZA Philémon~~ | ~~MINECOFIN~~ |
| 22) BUSHISHI Jean-Baptiste. | Minitrap. |
| 30) Hategekimana Fidèle | |
| 31) | |

Kigali, le 25.09.1997

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'UBUBANYI N'AMAHANGA**
**N'UBUTWERERANE**
**B.P 179 KIGALI.**

**INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA ITEGURA UMUNSI W'INTWARI WO KUWA MBERE UKWAKIRA 1997 YABAYE KUWA 26 NZERI 1997.**

Abaje mu nama na Minisiteri bagarariye :

| | | |
|---|---|---|
| 1. | Venatia SEBUDANDI | MINAFET ariwe wayoboye inama |
| 2. | Maxime RWENDEYE | Umukozi wa Protokole ya Leta |
| 3. | Major Fidel HATEGEKIMANA | ETAT MAJOR APR |
| 4. | KAYIGI Théodomir | MIJESCAFOP |
| 5. | MUHOZA Christophe | MIJESCAFOP |
| 6. | HAKIZIMANA Obald | MINECOFIN |
| 7. | MUNYAZIKWIYE Thégène | MIJESCAFOP |
| 8. | RUTAGWENDEKA Fidèle | MIJESCAFOP |
| 9. | MUNYANEZA Philemon | MINECOFIN |
| 10. | NSANZABAGANWA Straton | MIGEFASO |
| 11. | BUTOTO Jean | MIJESCAFOP |
| 12. | SIBOMANA Athanase | RADIYO |
| 13. | NTIGANZWA Juvénal | Ponts Chaussées |
| 14. | HATAGAKIMANA Abdul | MINITRAP |
| 15. | RUDAHINDWA Cyprien | MININFOR |
| 16. | KAMARI Fulgence | T.V.N |
| 17. | RWIGEMA Paterne | MIJESCAFOP |
| 18. | MUNYANZIZA Zéphanie | P.V.K |
| 19. | Lt Abdu NZABONIMPA | GDN G2 |
| 20. | MUSENGA Augustin | MINAFET |
| 21. | SEKUBUMBA Séverin | MIJESCAFOP |

Inama yatangiye isaa cyenda n'igice. Itangizwa no gusomera abayirimo Inyandiko- mvugo y'inama yo kuwa kabiri tariki 23/09/1997. Yasomwe na Jean BUTOTO wari wayanditse.

1. Amafaranga akenewe.

Amafaranaga yari yateganijwe n'imiriyoni cumi n'eshanu, ariko hemewe miliyoni cumi. Hari ibigomba kugabanywa kugirango uwo mubare utarengwa; gufungurira abashyitsi, Radiyo, Televisiyo, n'ibihembo by'abateguye uwo munsi mukuru w'Intwari.

Kuzimanira abashyitsi bizatwara miliyono ebyiri n'amagana atanu. Ibikoresho byari byateganijwe kugurira Televiziyo ntibizagurwa. Uhagarariye Radiyo yavuze ko amafaranga yakwa na ORINFOR atari ayo guhemba abakozi bayo, ahubwo nayo kugura ibikoresho. Ibihembo (Perdiem) byemerewe abateguye umunsi mukuru w'Intwari n'imiriyoni imwe. Abakozi bategura ahazakorerwa ibirori basabwe gukorana umwete. Amafaranga yo kubahemba ashobora kuzaboneka kuwa mbere tariki 29/09/1997.

2. Ibitambaro.:

Ibitongero (Slogans) bizandikwa ku bitambaro bizamanikwa mu mayirabiri, ntibirakorwa. Hazakorwa iki gitongero « Kuwa mbere Ukwakira Umunsi twibuka Intwari z'U Rwanda ».

Kubera ko umunsi w'Ibirori wegereje inama isabye abashinzwe kwandikisha no kumanika ibitambaro kugira bwangu.

3. Amasengesho azavugirwa kumva z'Intwari.

Abakuru b'Amadini bemerewe ni aba : Uhagarariye Kiriziya Gatorika.
Uhagarariye Abaporotesitanti (C.P.R)
Uhagarariye Abisiramu
n'Uhagarariye Abadivantisiti.

4. Gushyira indabo kumva y'Intwari

Abazashyira Indabo kumva y'Intwari Fred RWIGEMA ni Umuryango we ugizwe n'aba:
- Umugore we
- Nyina
- N'abana be.
- N'abavandimwe n'incuti ze

5. Abazafata ijambo

Kubyerekeye abazafata ijambo ku munsi w'Intwari, gahunda yahindutse.

1. Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse, azavugira kuri Radiyo kuwa kabiri ni mugoroba. Naho ku munsi nyirizina azatanga ikaze yo gutangiza ibirori.
2. Perezida wa Repubulika na Visi Perezida nibo bazafata ijambo.

6. Imivugo y'Ibisingizo by'ingabo

Hateganijwe ibisigo byahanzwe n'abagabo batatu aribo aba : SANKARA
Philippe KANAMUGIRE
Kwame NKRUMAH

Ibisigo byabo bizashyirwa hagati y'ijambo rya Visi Perezida n'irya Perezida. Nukuvuga ko bazavuga bakurikirana.

7. Gutegura aho abashyitsi bazicara

Inama isabye abakozi ba MINITRAP gukorana umwete, bakubaka igisharagati, bagatunganya inzira irimo amabuye abuza abantu gukandagira neza.
Aho abashyitsi bazicara hakenewe Tapis. Inama yongeye kwibutsa ko ibitambaro (banderoles) byatinze gutegurwa. Inama ikeneye kandi abantu bo kwakira no kwicaza abashyitsi (Comité d'acceuil). Abagize iyo « Comité » bazashyirwaho kuwa mbere 29/09/1997 mu nama itaha.

Inama yarangiye isaa kumi n'imwe ya nimugoroba.

Umwanditsi

Severini SEKUBUMBA.
MIJESCAFOP.

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUBANYI N'AMAHANGA
N'UBUTWERERANE
B.P 179 KIGALI.

Kigali, le 25.09.1997

**INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA ITEGURA UMUNSI W'INTWARI WO KUWA MBERE UKWAKIRA 1997 YABAYE KUWA 26 NZERI 1997.**

Abaje mu nama na Minisiteri bagarariye :

| | | |
|---|---|---|
| 1. | Venatia SEBUDANDI | MINAFET ariwe wayoboye inama |
| 2. | Maxime RWENDEYE | Umukozi wa Protokole ya Leta |
| 3. | Major Fidel HATEGEKIMANA | ETAT MAJOR APR |
| 4. | KAYIGI Théodomir | MIJESCAFOP |
| 5. | MUHOZA Christophe | MIJESCAFOP |
| 6. | HAKIZIMANA Obald | MINECOFIN |
| 7. | MUNYAZIKWIYE Thégène | MIJESCAFOP |
| 8. | RUTAGWENDEKA Fidèle | MIJESCAFOP |
| 9. | MUNYANEZA Philemon | MINECOFIN |
| 10. | NSANZABAGANWA Straton | MIGEFASO |
| 11. | BUTOTO Jean | MIJESCAFOP |
| 12. | SIBOMANA Athanase | RADIYO |
| 13. | NTIGANZWA Juvénal | Ponts Chaussées |
| 14. | HATAGAKIMANA Abdul | MINITRAP |
| 15. | RUDAHINDWA Cyprien | MININFOR |
| 16. | KAMARI Fulgence | T.V.N |
| 17. | RWIGEMA Paterne | MIJESCAFOP |
| 18. | MUNYANZIZA Zéphanie | P.V.K |
| 19. | Lt Abdu NZABONIMPA | GDN G2 |
| 20. | MUSENGA Augustin | MINAFET |
| 21. | SEKUBUMBA Séverin | MIJESCAFOP |

Inama yatangiye isaa cyenda n'igice. Itangizwa no gusomera abayirimo Inyandiko- mvugo y'inama yo kuwa kabiri tariki 23/09/1997. Yasomwe na Jean BUTOTO wari wayanditse.

1. Amafaranga akenewe.

Amafaranaga yari yateganijwe n'imiriyoni cumi n'eshanu, ariko hemewe miliyoni cumi. Hari ibigomba kugabanywa kugirango uwo mubare utarengwa; gufungurira abashyitsi, Radiyo, Televisiyo, n'ibihembo by'abateguye uwo munsi mukuru w'Intwari.

Kuzimanira abashyitsi bizatwara miliyono ebyiri n'amagana atanu. Ibikoresho byari byateganijwe kugurira Televiziyo ntibizagurwa. Uhagarariye Radiyo yavuze ko amafaranga yakwa na ORINFOR atari ayo guhemba abakozi bayo, ahubwo nayo kugura ibikoresho. Ibihembo (Perdiem) byemerewe abateguye umunsi mukuru w'Intwari n'imiriyoni imwe. Abakozi bategura ahazakorerwa ibirori basabwe gukorana umwete. Amafaranga yo kubahemba ashobora kuzaboneka kuwa mbere tariki 29/09/1997.

2. Ibitambaro.:

Ibitongero (Slogans) bizandikwa ku bitambaro bizamanikwa mu mayirabiri, ntibirakorwa. Hazakorwa iki gitongero « Kuwa mbere Ukwakira Umunsi twibuka Intwari z'U Rwanda ».

Kubera ko umunsi w'Ibirori wegereje inama isabye abashinzwe kwandikisha no kumanika ibitambaro kugira bwangu.

3. Amasengesho azavugirwa kumva z'Intwari.

Abakuru b'Amadini bemerewe ni aba : Uhagarariye Kiriziya Gatorika.
Uhagarariye Abaporotesitanti (C.P.R)
Uhagarariye Abisiramu
n'Uhagarariye Abadivantisiti.

4. Gushyira indabo kumva y'Intwari

Abazashyira Indabo kumva y'Intwari Fred RWIGEMA ni Umuryango we ugizwe n'aba:
- Umugore we
- Nyina
- N'abana be.
- N'abavandimwe n'incuti ze

5. Abazafata ijambo

Kubyerekeye abazafata ijambo ku munsi w'Intwari, gahunda yahindutse.

1. Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse, azavugira kuri Radiyo kuwa kabiri ni mugoroba. Naho ku munsi nyirizina azatanga ikaze yo gutangiza ibirori.
2. Perezida wa Repubulika na Visi Perezida nibo bazafata ijambo.

6. Imivugo y'Ibisingizo by'ingabo

Hateganijwe ibisigo byahanzwe n'abagabo batatu aribo aba : SANKARA
Philippe KANAMUGIRE
Kwame NKRUMAH

Ibisigo byabo bizashyirwa hagati y'ijambo rya Visi Perezida n'irya Perezida. Nukuvuga ko bazavuga bakurikirana.

7. Gutegura aho abashyitsi bazicara

Inama isabye abakozi ba MINITRAP gukorana umwete, bakubaka igisharagati, bagatunganya inzira irimo amabuye abuza abantu gukandagira neza.
Aho abashyitsi bazicara hakenewe Tapis. Inama yongeye kwibutsa ko ibitambaro (banderoles) byatinze gutegurwa. Inama ikeneye kandi abantu bo kwakira no kwicaza abashyitsi (Comité d'acceuil). Abagize iyo « Comité » bazashyirwaho kuwa mbere 29/09/1997 mu nama itaha.

Inama yarangiye isaa kumi n'imwe ya nimugoroba.

Umwanditsi

Severini SEKUBUMBA.
MIJESCAFOP.

P.C classeur & suivi

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'UBUBANYI N'AMAHANGA N'UBUTWERERANE**
**B.P. 179 KIGALI**

**Kigali 22/9/1997**

**INYANDIKO NYIBUTSA(MEMORANDUM) YEREKERANYE N'ITEGURWA RY'UMUNSI W'INTWARI Z'U RWANDA(1/10/1997).**

**IMBONERAHAMWE**

1. Urwego rw'Umunsi w'Intwari

2.Uko uwo munsi utegurwa
2.1 Icyumweru kizabanziriza uwo munsi

2.2. Umunsi w'Intwari nyirizina.

3.Amikoro ajyanye n'uwo munsi

I. **URWEGO RW'UWO MUNSI W'INTWARI**

Kuva itariki ya 1/10/1995, u Rwanda rwizihiza buri mwaka kuri iyo tariki umunsi mukuru w'Intwari. Visi Perezidansi ya Repubulika ikaba ari nayo Minisiteri y'Ingabo niyo yayoboraga imyiteguro y'umunsi w'Intwari mu myaka ibiri ishize. Impamvu nuko Intwari zabimburiye izindi vuba aha zabaye Ingabo. Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane yagize iteka uruhari rujyanye n'inshingano zayo za buri munsi. Ni muri urwo rwego iherutse kwandikirwa gutegura uwo munsi. Byaje kugararagara ko ari ngombwa kwiyambaza Minisiteri ifite umuco mu nshingano zayo kuko Intwari n'Irimbi zaryo birangwa mu rwego ndangamuco no mu rwego ndangamurage.

II.**UKO UWO MUNSI UTEGURWA**

Uwo munsi urategurwa mu byiciro bibiri:

2.1.Icyumweru kizabanziriza uwo munsi.
2.2. Umunsi w'Intwari nyirizina.

2.1.**ICYUMWERU KIZABANZIRIZA UWO MUNSI**

Harategurwa ibiganiro binyuranye kuri radio na télévision bizabanziriza uwo munsi w'Intwari nyirizina. Harategurwa kandi kuzanyuza kuri radio indirimbo, imigani, imivugo, n'ibindi byose

byerekeranye n'ubuhwike ndangamuco bw'ubutwari. Haranategurwa za ''cinema ''zizaca kuri télévision y'u Rwanda. Nazo zizaba zijyanye n'interuro y'icyo gihe.
Ibiganiro:
- Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Intwari izabazwa ubuhwike bw'uriya munsi muri rusange.
- Hazaba n'ibiganiro bizatangwa na zimwe mu Ngabo zerekana ubuhwike bw'uriya munsi mu rwego rw'Ingabo.
- Ibindi biganiro bizagaragaza ubuhwike ndangamuco bw'ubutwari ku Banyarwanda b'inzego zinyuranye mu mateka y'u Rwanda .

2.2. **URIYA MUNSI NYIRIZINA**

-Umunsi w'italiki ya mbere Ukuboza 1997:

-Uzarangwa n'amagambo anyuranye y'abayobozi bo hejuru b'igihugu nka Perezida wa Repubulika, Visi Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo, Minisitiri w'Umuco.Cyangwa se umwe muri abo akaba ariwe wenyine ufata ijambo.

-''Akarasisi k'abasirikare(Cérémonial Militaire)
-Umuhango wo gushyiraho indabyo.Uyu muhango uzaba ugizwe n'ibice bibiri:
-Abo mu muryango wa late Fred RWIGYEMA
-Abo mu muryango w'Ingabo
Hagati hazarangwa n'imivugo irata ubutwari bwabo.
-Amasengesho y'abahagarariye Kiriziya zemewe mu Rwanda.

**IGABANWA RY'IMIRIMO**

Dore inzego zifite uruhare mw'itegurwa ry'uwo munsi:

1.Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane(Porotokole ya Leta)
2.Minisiteri y'Ingabo
3.Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no kwigisha imyuga iciriritse
4.Gendarmerie
5.Minisiteri y'Imali
6.Télévision y'igihugu
7. Radio y'Igihugu
8.Minisiteri ya transport no gutumanaho
9. Etat major APR

III. **AMIKORO AJYANYE N'UWO MUNSI**

Amikoro ajyanye n'uwo munssi arasaba amafaranga atari munsi ya miliyoni cumi n'eshanu.
Ayo mafaranga arava ku ngengo y'imali ya Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane.

**Umuyobozi**

**Madamu Vénétia SEBUDANDI**
**Umuyobozi wa Porotokole ya Leta**

P.O Jean Rukimbira
Umuyobozi w'Umuco n'Urugeni

**Umwanditsi**

**Bwana Maxime RWENDEYE**
**Umukozi wa Porotokole ya Leta**

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI
TEL : (250) 8 35 25
FAX : (250) 8 35 18.

Kigali, ku wa ..................

# UBUTUMIRE

Nyakubahwa Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika

Mu rwego rwo kwizihiza Umunsi mukuru w'Intwari z'igihugu cyacu, umunsi wizihizwa buri tariki ya mbere Ukwakira, Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse yabateguriye ibiganiro-mpaka ku nsanganyamatsiko zikurikira :

- Amateka y'Abatabazi mu Rwanda
- Ubutwari bw'Abari n'Abategarugori mu mateka y'u Rwanda
- Ubutwari bw'Abanyarwanda mu guhagarika itsembabwoko n'itsembatsemba byo muri Mata-Nyakanga 1994.

Ni kuri uyu wa gatanu, tariki ya 25 Nzeli 1998 kuva saa cyenda za ni mugoroba muri Centre Christus i Remera.

Ukuza kwanyu kuzadushimisha.

**Dr. Yakobo BIHOZAGARA**
Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse

p.o.

KABANDANA M.
Secrétaire Général
MIJESCAFOP

## III. ACTIVITES PREVUES PENDANT LA SEMAINE DU 28/9 AU 1/10/1998.

- Organisation de la Journée proprement dite
- Débat télévisé et/ou radiodiffusé sur les thèmes suivants:

| Conférencier | Thème |
|---|---|
| 1. Philippe KANAMUGIRE | Amateka y'Abatabazi mu Rwanda |
| 2. Jean MUKIMBIRI | Ibyivugo by'Intwari zaranze amateka y'u Rwanda |
| 3. Père MUZUNGU | Ubutwari mu mateka ya Kiliziya |
| 4. Madame Victoire | Ubutwari bw'Abari n'abategarugori |
| 5. Louis KANAMUGIRE+Président de la Commision Nationale des Héros | Ubutwari mu Bisesero |

## IV. ACTIVITES DE LA JOURNEE PROPREMENT DITE

- Poèmes Héroïques ( par des Artistes)
- Inhumation d'un Héros de Bisesero
- Dépôt des Gerbes de fleurs sur la tombe du Feu Rwigema et celle du Soldat inconnu)
- Mots de circonstance (par les Hautes Autorités du pays).

## V. BUDGET PREVISIONNEL A ALLOUER A LA JOURNEE DES HEROS NATIONAUX (01/10/1998).

| INTITULE | MONTANT |
|---|---|
| - Achat fleurs (couronnes) : | : 30 x 20 =600.000 Frw |
| - Aménagement du lieu des cérémonies et installation sheting : | 1.250.000 Frw |
| - carburant : 20l x 230 Frx15 véh x 7 Jrs = | 483.000 Frw |
| - Achat cartes d'invitation, badges et macarons : (voir facture) | 300.000 Frw |
| - Achat cassette vidéo : | 200.000 Frw |
| - Achat et installation banderoles, drapeaux : | 300.000 Frw |
| - Entretien enfants devant transporter les fleurs et le décor: | 200.000 Frw |
| - Publicité à la radio | 80.000 Frw |
| - Perdiem chauffeurs : 2.500 Frw x 3 jrs x 15 pers = | 75.000 Frw |
| - Perdiem Comité Organisationnel: 5.000 F x 10 jrs x 30 pers = | 1.500.000 Frw |

- Sécurité 200.000 Frw
- Compagnie musique 145.000 Frw
- Honoraires des Artistes (poètes) : 10.000 Frw x 5 Pers= 50.000 Frw
- Sonorisation = 200.000 Frw
- Honoraires Intervenants à la Radio/Télévision: 10.000 F x 5 = 50.000 Frw
- Frais de missions à Bisesero : 10.000 Frw x 3 = 30.000 Frw
- Inhumation Héros : tombe + Cercueil : 250.000 Frw

**S/Total : 5.947.000 Frw**

- Imprévus : 10% = 594.700 Frw

**GRAND TOTAL : 6.541.700 Frw**

## STRUCTURE ORGANISATIONNELLE ET ATTRIBUTION DES TACHES

### I. STRUCTURE ORGANISATIONNELLE.

1. Président : KABANDANA Marc
2. Vice-Président : MUKIMBIRI Jean
3. - Rapporteur : KANAMUGIRE Louis
   - 1er Vice-Rapporteur : MUNYAZIKWIYE Théogène
   - 2è Vice-Rapporteur : MUHOZA Christophe
   - 3è Vice-Rapporteur : BAMAGE Nicolas
   - 4è Vice-Rapporteur : MUTUGARUGAMBA Anaclet.

5. Superviseurs : 1. BUTOTO Jean
   2. SEKUBUMBA Séverin

6. Gestionnaire : RUGAMBA Egide

7. Charrois : 1. KIZALI Elias
   2. KAYIGI Théodomir
   3. MURAYIRE Protais
   4. RUHIMBYA Aaron

8. Secrétaires : 1. MUREKATETE Bernadette
   2. BORA Eléonore
   3. RUYONZA Arlette
   4. NYIRAMAJORO Espérance
   5. MUKABANANA Angeline
   6. GASHUGI GAJU Flavie
   7. UWANTEGE Louise.

## II. ATTRIBUTIONS DES TACHES.

1. Président : Son rôle est de présider toutes les réunions préparant la Journée des Héros. Il est la personne compétente auprès de qui on peut adresser toutes les requêtes en rapport avec les activités de cette journée. C'est bien lui qui transmettra les suggestions de la Commission aux instances supérieures du Ministère.

2. Vice-Président : Il dirige les réunions ou l'absence du président et épaule celui-ci dans ses différentes tâches.

3. Rapporteur : - Celui-ci rédige tous les procès-verbaux et les distribue à temps, c'est-à-dire avant la tenue de la réunion prochaine afin que les participants aient connaissance de ce qui a été fait et ce qui reste à faire ;

- rédiger toutes les correspondances en rapport avec les activités du premier octobre.
- chercher la formule du slogan qui sera écrit sur les banderoles ;
- rédiger les différentes allocutions du Ministre :
  - Annonce de la journée à la veille
  - Discours circonstanciel, le 1/10/1998

**N.B.** : Etant donné que ces différentes tâches pèsent lourdement sur la personne du Rapporteur, celui-ci sera assisté de 4 Vices-Rapporteurs.

4. Superviseurs : Leur rôle est de coordonner de façon générale, toutes les activités en rapport avec la Journée du 1er octobre 1998. En tout état de cause, ils seront en contact régulier avec les instances hautes de la Commission aux fins de les tenir informés de l'évolution des préparatifs.

De façon spécifique, ils s'occuperont de :

- Impression des cartes d'invitation
- Contact avec les Artistes (pour le 1er octobre 1998).
- Banderoles
- Achat couronnes (fleurs).

5. Gestionnaire : Celui-ci a pour mission, la Gestion financière de la Journée : Démarche pour déblocage des fonds relatifs à la Journée du 1/10/1998.

**N.B.** : Le Gestionnaire facilitera toutes les commissions à bien remplir leurs tâches en leur donnant les fonds leurs attribués. Chaque commission remettra au gestionnaire, les pièces justifiant son utilisation.

6. Charroi : Celui-ci fera des démarches auprès du MINITRANSCO et de l'ONATRACOM pour que nous ayons des véhicules à temps. C'est le service du charroi qui, également, va gérer le carburant des véhicules réquisitionnés.

7. Secrétariat : - Son rôle est de dactylographier et photocopier tous les documents en rapport avec la Journée du 1er octobre 1998. Il est recommandés aux membres du Secrétariat d'être actifs de sorte qu'on ne subisse aucun retard en ce qui concerne les documents de travail : P.V. des réunions. etc...

- C'est au Secrétariat qu'incombe aussi la distribution du courrier.
- C'est également les secrétaires qui écriront sur toutes les invitations sous la surveillance des rapporteurs.

8. Protocole : Outre le Protocole d'Etat qui assure le protocole des Hautes Autorités du pays, chacun de nous est tenu, dans la mesure du possible, d'assurer le protocole des personnes qui viendront célébrer cette journée. C'est pour cette raison que nous porteront le badge portant la mention soit PROTOCOLE soit SERVICE.

**N.B.** : Quant aux Ministères et institutions publiques impliqués dans cette manifestation, chacun fera ce qui est de son ressort.

Pour la Division Patrimoine Culturel

**BUTOTO Jean**

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUBANYI N'AMAHANGA
N'UBUTWERERANE
B.P. 179 KIGALI

Kigali 22/9/1997

**INYANDIKO NYIBUTSA(MEMORANDUM) YEREKERANYE N'ITEGURWA RY'UMUNSI W'INTWARI Z'U RWANDA(1/10/1997).**

IMBONERAHAMWE

1. Urwego rw'Umunsi w'Intwari

2.Uko uwo munsi utegurwa
2.1 Icyumweru kizabanziriza uwo munsi

2.2. Umunsi w'Intwari nyirizina.

3.Amikoro ajyanye n'uwo munsi

I. **URWEGO RW'UWO MUNSI W'INTWARI**

Kuva itariki ya 1/10/1995, u Rwanda rwizihiza buri mwaka kuri iyo tariki umunsi mukuru w'Intwari. Visi Perezidansi ya Repubulika ikaba ari nayo Minisiteri y'Ingabo niyo yayoboraga imyiteguro y'umunsi w'Intwari mu myaka ibiri ishize. Impamvu nuko Intwari zabimburiye izindi vuba aha zabaye Ingabo. Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane yagize iteka uruhare rujyanye n'inshingano zayo za buri munsi, kimwe na Minisiteri ifite imibereho myiza y'abaturage . Ni muri urwo rwego zitegura uwo munsi. Byaje kugararagara ko ari ngombwa kwifashisha Minisiteri ifite umuco mu nshingano zayo kuko Intwari n'Irimbi ryazo bibarizwa mu rwego ndangamuco no mu rwego ndangamurage.

II.**UKO UWO MUNSI UTEGURWA**

Uwo munsi urategurwa mu byiciro bibiri:

2.1.Icyumweru kizabanziriza uwo munsi.
2.2. Umunsi w'Intwari nyirizina.

2.1.**ICYUMWERU KIZABANZIRIZA UWO MUNSI**

Harategurwa ibiganiro binyuranye kuri radio na télévision bizabanziriza uwo munsi w'Intwari nyirizina. Harategurwa kandi kuzanyuza kuri radio indirimbo, imigani, imivugo, n'ibindi byose

byerekeranye n'ubuhwike ndangamuco bw'ubutwari. Haranategurwa za ''cinémas ''zizaca kuri télévision y'u Rwanda niba ikora. Nazo zizaba zijyanye n'ingigo y'icyo gihe.
Ibiganiro:
- Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Intwari izabazwa ubuhwike bw'uriya munsi muri rusange. Iyo Komisiyo izagira icyo ivuga ku nshingano zayo, ku bayigize, no ku cyitegererezo kugira ngo umuntu runaka avugweho ubutwari.
- Hazaba n'ibiganiro bizatangwa na zimwe mu Ngabo zerekana ubuhwike bw'uriya munsi mu rwego rw'Ingabo. Kugeza ubu, abahagararira Ingabo mu nama zitegura uwo munsi batubwira Major FURUMA.
- Ibindi biganiro bizagaragaza ubuhwike ndangamuco bw'ubutwari ku Banyarwanda b'inzego zinyuranye mu mateka y'u Rwanda. Ingero:

* ubutwari ku bari n'abategarugori. Iyo nteruro izagira icyo ivugwaho n'umutegarugori uri muri iriya Komisiyo twavuze hejuru ni madamu KANTENGWA Victoire ukora kuri lycée Notre Dame de Citeaux.

* ubuhwike ndangamuco bw'ubutwari mu Rwanda: iyi nteruro izagira icyo ivugwaho na: Yohani MUKIMBIRI (Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni), Bernardin RUTAZIBWA( Umukozi mu buyobozi bw'Umuco n'Ubugeni ), Straton NSANZABAGANWA (Umukozi muri Minisiteri MIGEFASO).

* ubutwari mw'idini: Padiri Bernardin MUZUNGU. Uyu ni umwe mu bagize iriya Komisiyo yavuzwe hejuru azafatanya n'abandi batatu(C.P.R., Islam, Adventiste) bo mu yandi madini[1]

Indirimbo zizaca kuri Radiyo no kuri Televiziyo zizaba zigusha k'Ubutwari muri rusange no k'Ubutwari bw'Ingabo ku buryo bwihariye.Imivugo n'imigani nayo bizaba ari uko. Cinémas zizaca kuri Televiziyo zizaba ari izerekana ubutwari bw'Ingabo z'Igihugu APR, kimwe n'ubutwari bw'Abanyarwanda muri rusange.

## 2.2. <u>URIYA MUNSI NYIRIZINA</u>

-Umunsi w'italiki ya mbere Ukwakira 1997. Igitongero cy'uwo munsi(Slogan) ni:
**'' Ubutwari mu Rwanda bufite ubuhwike ndangamuco''**.
-Uzarangwa n'amagambo anyuranye y'abayobozi bo hejuru b'igihugu nka Perezida wa Repubulika, Visi-Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo, Minisitiri w'Umuco.Cyangwa se umwe muri abo akaba ariwe wenyine ufata ijambo.
1

-Umuhango wo gushyiraho indabyo.Uyu muhango uzaba ugizwe n'ibice:
-Abo mu muryango wa Nyakwigendera Fred RWIGYEMA
-Abo mu muryango w'Ingabo
-Abahagarariye Leta.
- Umukuru w'Abahagarariye Ibihugu byabo mu Rwanda.
Hagati hazarangwa n'imivugo irata ubutwari bw'Intwari.
-Amasengesho y'abahagarariye Kiriziya zemewe mu Rwanda.
Icyitonderwa: Ku mugereka murabona gahunda irambuye y'uwo munsi.

[1] *Abazamufasha ni batatu: umwe nuwo muri C.PR., undi ni umu Islam,undi ni Adventiste.*
1

**IGABANWA RY'IMIRIMO**

Dore inzego zifite uruhare mw'itegurwa ry'uwo munsi:

1.Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane(Porotokole ya Leta)
2. Visi-Perezidansi ikaba na Minisiteri y'Ingabo
3.Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no kwigisha imyuga iciriritse
4.Gendarmerie Nationale
5.Minisiteri y'Imali n'Igenamigambi
6.Télévision y'igihugu
7. Radio y'Igihugu
8.Minisiteri ya transport no gutumanaho
9. Etat major APR
10. P.V.K.
11. MINITRAPE
12.MIGEFASO
13. N'izindi nzego zizagenda zicyenerwa.

Icyitonderwa: Ubuyobozi bw'imyiteguro y'Icyumweru n'Umunsi by'Intwari z'Igihugu buteye burtya:1. Umuyobozi w'Inama: Madamu Vénétia SEBUDANDI
2.Umwungirije: Bwana Jean MUKIMBIRI
3.Uwungirije na none: Bwana Straton NSANZABAGANWA(MIGEFASO)
3.Umunyabanga: Bwana Maxime RWENDEYE(PROTOKOLE YA LETA)
4.Abanyabanga bungirije: Bwana Jean BUTOTO(MIJESCAFOP)
Bwana Séverin SEKUBUMBA(MIJESCAFOP)
5.Uhagarariye Ingabo: Major Fidèle HATEGEKIMANA

**KOMISIYO ZITEYE ZIRTYA**

1. Komisiyo ya Porotokole
2.Komisiyo Ndangamuco n'Itangazamakuru
3.Komisiyo y'Imali n'Ibikoresho
4.Komisiyo y'Uburinzi n'Ubutabazi

Icyitonderwa: Porokole ya Leta igiye igira uyihagarariye muri buri Komisiyo.

III. **AMIKORO AJYANYE N'UWO MUNSI**

Amikoro ajyanye n'uwo munssi arasaba amafaranga atari munsi ya miliyoni cumi n'eshanu.
Ayo mafaranga arava ku ngengo y'imali ya Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane. Ku mugereka w'iyi nyandiko, Porotokole ya Leta iratanga umushinga w'amikoro.

| | |
|---|---|
| **Umuyobozi** | **Umwanditsi** |
| **Madamu Vénétia SEBUDANDI** | **Bwana Maxime RWENDEYE** |
| **Umuyobozi wa Porotokole ya Leta** | **Umukozi wa Porotokole ya Leta** |
| P.O JEAN MUKIMBIRI | |

## UMUSHINGA WA GAHUNDA Y'AGATEGANYO Y'UMUNSI MUKURU W'INTWARI Z'IGIHUGU UZABERA REMERA K'URUBUGA RW'INTWARI KUWA 1/10/1997.

KUHAGERA

7H00: KUHAGERA KW'ABATURAGE
9H00: KUHAGERA KW'ABATUMIWE
9H15: KUHAGERA KW'ABAHAGARARIYE IBIHUGU BYABO MU RWANDA
KUHAGERA KW'ABAKURU B'AMADINI
KUHAGERA KWA PEREFERE W'UMUGI WA KIGALI
KUHAGERA KW'ABADEPITE
9H20: KUHAGERA KW'ABAMINISITIRI

(ABANYACYUBAHIRO BAKURIKIRA BARAHAGERA BAKARAMUTSWA N'INGABO)

9H25: KUHAGERA KW'ABAKURU B'INGABO
9H30: KUHAGERA KWA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA -
9H35: KUHAGERA KWA MINISITIRI W'INTEBE
9H40: KUHAGERA KWA PEREZIDA W'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
9H50: KUHAGERA KWA VISI PEREZIDA WA REPUBULIKA AKABA NA MINISITIRI W'INGABO
**10H00: KUHAGERA KWA PEREZIDA WA REPUBULIKA**

10H05: INDIRIMBO YUBAHIRIZA IGIHUGU
10H10: AMASENGESHO Y'ABAKURU B'AMADINI
- UHAGARARIYE KILIZIA GATOLIKA
- UHAGARARIYE ABAPORODESITANI
- UHAGARARIYE ABAYISILAMU

10H40: **GUSHYIRA INDABO K'UMVA Y'INTWARI FRED RWIGEMA**
- AB'UMULYANGO WA FRED RWIGEMA
- PEREZIDA WA REPUBULIKA
- VISI PEREZIDA WA REPUBULIKA
- PEREZIDA W'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
- MINISITIRI W'INTEBE
- PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA
- ABAKURU B'INGABO
- UMUKURU MU BAHAGARARIYE IBIHUGU BYABO MU RWANDA
- PEREFE W'UMUGI WA KIGALI
- ABAHAGARARIYE AMADINI

**GUSHYIRA INDABO K'UMVA Y'UMUSIRIKARE UTAZWI**
- PEREZIDA WA REPUBULIKA
- VISI PEREZIDA WA REPUBULIKA AKABA NA MINISITIRI W'INGABO
- PEREZIDA W'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
- MINISITIRI W'INTEBE
- PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA
- ABAKURU B'INGABO
- UMUKURU MU BAHAGARARIYE IBIHUGU BYABO MU RWANDA
- PEREFE W'UMUGI WA KIGALI
- ABASILIKARE BAKURU

11H10: **PEREZIDA WA REPUBULIKA N'ABANYACYUBAHIRO BAJYA KURI TRIBUNE**

11H20: IJAMBO RY'IKAZE RYA PEREFE W'UMUGI WA KIGALI

11H25: IJAMBO RYA MINISITIRI W'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

11H35: IBISINGIZO BY'INTWARI

11H55: IJAMBO RYA VISI PEREZIDA WA REPUBULIKA AKABA NA MINISITIRI W'INGABO

12H15: IJAMBO RYA PEREZIDA WA REPUBULIKA

***

13H00: KWAKIRA ABASHYITSI KURI JALI CLUB